

REPUBLIQUE RWANDAISE  
MINISTERE DE LA JEUNESSE  
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF  
B.P. 1044 KIGALI


Kigali, le 12 MARS 1985

N° 0898 /15.08.01

Bwana Prefe wa Prefegitura (bose)

.....  
Binyujijwe kuli Bwana Ministri  
w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere  
ya Komini  
K I G A L I



Bwana Prefe,

  
NDAGISIMANA Papias  
Directeur Général  
des A.P.A.

Nkulikije imishyikirano abakozi naboherereje bagiranye n'abayobozi b'urubwiruko ba Prefegitura yerekeranye n'imikino izakoreshwa muri uyu mwaka w'urubwiruko, mboherereje hamwe n'iyi barwa inyandiko isobanura ku buryo bunononsoye uko iyo mikino izakorwa.

Isiganwa ry'abanyamaguru (course populaire) ryari liteganijwe mu mubare w'iyi mikino ntilikibaye, ahubwo hiyongereyeho imikino y'intoki itatu igomba gukoreshwa aliyo : Basket-ball, Volley-ball na Hand-ball.

Uretse ko muri iyo nyandiko, mumenyeshejwe amazezi amarushanwa azakorerwamo, iminsi n'amataliki muzayamenyeshwa mu gihe kili imbere.

  
Ministri w'Urubwiruko no  
Gutsura za Koperative  
NDINDILYIMANA Agusitini  
Major BEM.  


UMWAKA W'URUBYIRUKO KW'ISI HOSE  
AMARUSHANWA MU MIKINO YA SIPORO

Umwaka w'i 1985, ni umwaka wahaliwe urubyiruko kw'isi hose. Mu marushanwa azakoreshwa mu mikino ya siporo, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yateganiye imikino y'ubwoko butandatu : umukino ngorora-mubili (Athlétisme), isiganwa ry'amagare (Course Cycliste), umupira w'amaguru w'urubyiruko rutarengeje imyaka 24 (Football Junior), imipira y'intoki aliyo Basketball, Volleyball na Handball.

Iyo mikino izakorerwa mu nzego zose kuva mu rwego rwa Komini kugeza mu rwego rw'igihugu cyose. Alike muri Basketball, Volleyball na Handball, abategetsi y'Prefegitura bazishakira amakipi kuburyo bazitekerereza. Birumvikana kandi ko bazashakira mu makomini agize Prefegitura.

Impamvu ayo marushanwa ateganijwe muri izo nzego ni ukugirango icengere kurushaho mu baturarwanda bose, cyane cyane mu bo mu cyaro, kuko ubungubu usanga imikino ikunda kwibanda mu rubyiruko rwo mu mashuri, mu ngabo z'igihugu no mu migi. Mu cyaro usanga imikino batayikangukiye bihagiye n'ubwo itangiye kubageraho. Muri uyu mwaka w'Urubyiruko, tuboneyeho gushimangira igikorwa cyatangiye cyo gukwiza imikino mu banyarwanda bose. Ibyo bikaba bihuye ndetse n'intego za Muvoma yacu n'amabwiliza y'Umukuru w'Igihugu yo gukwiza imikino muri rubanda nyamwinshi. Ibyo kandi nibyo byatumye igihugu cyacu kibona abahanga bagihagaralira mu mikino mpuza-mahanga.

Muri uyu mwaka w'urubyiruko kw'isi hose, amarushanwa agamije gukanguzira no gucengeza imikino mu banyarwanda, cyane cyane mu rubyiruko. Ayo marushanwa asaba kandi buli muturarwanda wese kwifatanya n'urwo rubyiruko. Niyo mpamvu n'abakuzwe batayahejwemo kuko bagomba kubera urugero urwo rubyiruko, bakarwerekera, bakarutera inkunga mu gutegura u Rwanda rwejo.

I. Umukino ngorora-mubili (Athlétisme)

Uyu mukino ufite imyitozo myinshi idasanzwe ikorwa mu marushanwa yahuze zaga amakomini cyangwa amaperefegitura.

Impamvu z'iyi myitozo myinshi, ni ukugirango umwaka w'urubyiruko kw'isi hose uzabefatizwe mu kuyimenya, bityo abasore n'inkumi bakayitoba, maze mu gihe baserukiye igihugu bakarekama imyitozo yuzuye nkuko ikorwa mu bindi bihugu.

Nanone kandi amarushanwa azakorerwa mu nzego nyinshi z'igihugu, kuva mu rwego rwa Komini kugeza mu rw'igihugu cyose.

1. Inyitozo iteganyijwe

- Abagabo : - Kwiruka : 100m, 200m, 400m, 1500m, 3000m, 5000m, 10.000m.  
- Gusimbuka : Umurambararo (Longueur), Umurambararo utarutse inshuro eshatu (Triple Saut), Urukiramende (Hauteur), Gusimbukisha ikibando (Perche).  
- Kujugunya : Intosho (Poids), Ingasire (Disque), Umuhunda (Javelot).

- Abagore : - Kwiruka : 100m, 200m, 400m, 800m, 1500m, 3000m, 5000m, 10.000m.  
- Gusimbuka : Umurambararo (Longueur), Urukiramende (Hauteur).  
- Kujugunya : Intosho (Poids), Ingasire (Disque), Umuhunda (Javelot).

2. Inzega z'amashyamba

a. Urwego rwa mbere : Komini (niveau intersector)

Muli uru rwego, ubutegetsu bwa Komini buzatoranya umukinnyi 1 muli buli mwitozo. Ni ukuvuga abagabo 15 n'abagore 13, bose hamwe bakaba 28. Aba nibwo bashyamba Komini mu'irushanwa lizahuza amakomini mu rwego rwa Prefegitura.

icyitonderwa : Itegurwa n'ikorwa ry'ikipi ya Komini bireba ubutegetsu bwa Komini bwonyine.

b. Urwego rwa kabiri : Prefegitura (niveau intercommunal)

Uru rwego ruzahuriza amakomini yose kuli Prefegitura, Komini izishyamba abakinnyi bayo.

Muli uru rwego iryo rushanwa lizategurwa kandi liyoborwe n'ubutegetsu bwa Prefegitura.

Muli iryo rushanwa hazatorwamo 2 muli buli mwitozo. Ni ukuvuga ko buli prefegitura izatoranya abagabo 30 n'abagore 26 bose hamwe bakaba 56. Aba nibwo bashyamba mu'irushanwa lizahuza amaprefegitura yose i KIGALI.

c. Urwego rwa gatatu : Ruhuzwa amaprefegitura (niveau interprefectoral)

Irushanwa lizabera muli uru rwego lizahuza amaprefegitura yose lizababwira umuhamya guturanya abakinnyi bo mu cyaro bashyamba mu'irushanwa ry'igihugu cyose.

Twibutse ko mw'irushanwa ry'amaperefegitura, buli Prefegitura izaba ihagaraliwe n'abakinnyi 56. Lizabera i KIGALI. Kuva kuli Prefegitura kugera i KIGALI abo bakinnyi 56 batoranijwe, hamwe n'ubaherekeje bazishingirwa na Ministeri.

Nyuma y'iryo rushanwa hazatoranywa abakinnyi 3 muli buli mwitozo bagomba kujya mw'irushanwa ry'igihugu cyose.

Ni ukuvuga ko abazatorwa bose hamwe ari 84 (abagore 39 n'abagabo 45).

d. Urwego rwa Kane : (niveau national)

Irushanwa ry'igihugu cyose lizahuza abanyeshuli bo mu mashuri makuru n'ayisumbuye, Ingabo z'Igihugu n'Urubwiruko rwo mu cyaro. Muli buli gace hazavamo abakinnyi 84, bose hamwe bakaba 252.

Kimwe no mu rwego rw'amaperefegitura, Ministeri izishingira abakinnyi bose bo muli urwo rwego.

Hazahembwa batatu (3) bambere muli buli mwitozo.

Icyitonderwa : - Anategeko agenga ayo murushanwa ni ay'Ishyirahamwe mpuzamahanga ry'umukino ngorora-mubili (FIAA).

- Ari abato, ari abakuru, bose bemerewe kuyajyamo.

3. Igihe amashyamba azabera :

- Urwego rw'amakomini : Werurwe 1985
- Urwego rwa Perefegitura : Gicurasi 1985
- Urwego rw'amaperefegitura : Nyakanga 1985
- Urwego rw'igihugu : Kanama 1985.

II. Isiganwa ry'amagare (course cycliste)

Itegurwa ry'ili siganwa liteye nk'iry'umukino ngorora-mubili.

Mu rwego rwa Komini, ubutegetsi bwa Komini buzakora ikipi igomba kuzajya mw'irushanwa lizahuza amakomini yose kuli Perefegitura. Irushanwa lizabera kuli Perefegitura lizaba ligamije gutoranya abakinnyi bazajya mw'irushanwa ry'igihugu cyose.

Abantu bese bashakira kujya mu rw'isiganwa ry'amagare bagomba kwiyandikisha muri Komini batuyemo.

Imiterere yo gutoranya:

- Mu rwego rwa Komini: Ubutegetsi bwa Komini buzakoresha isiganwa kuli Km 25, maze batoranye abakinnyi batarenze 10 ari nabo bajya mu irushanwa mu rwego rwa Perefegitura.
- Mu rwego rwa Perefegitura: Ubutegetsi bwa Perefegitura buzakoresha irushanwa ry'amakomini yose ayigize kuli Km 50, maze batoranye abakinnyi batarenze 10, bazajya mu irushanwa mu rwego rw'Igihugu.
- Mu rwego rw'Igihugu : Umubare w'abakinnyi bese ntuzarenga ijana (100). Isiganwa lizakorwa ku muhanda KIGALI-RUHENGERI bagarukire GAKENKE (aller-retour).

Mu rwego rw'igihugu cyose, Ministeri izafasha ubutegetsi bwa Perefegitura kugeza abakinnyi i KIGALI no kubasubiza ku murwa wa Perefegitura. Igihe bazaba bali i KIGALI, Ministeri niyo izabishingira.

Twibutse kandi ko mu irushanwa ry'amagare, abakinnyi bagomba kugira UBWISHINGIZI (Assurance) kubera impanuka zishobora kuba mu gihe barushanwa. Mu rwego rwa Komini n'urwa Perefegitura, ubwo UBWISHINGIZI buzategurwa n'ubutegetsi bw'izo nzego.

Mu rwego rw'igihugu cyose, ni Ministeri izabikorwa.

Hazahembwa abakinnyi 10 ba mbere mu irushanwa ry'igihugu cyose.

Icyitonderwa: Mu mubare w'abakinnyi 10 bazava muri Perefegitura hagomba kubamo abagore 3 n'abagabo 7. Ubwo ni ukuvuga ko mu irushanwa lizabera muri Perefegitura, amakomini azaba yarateganiye n'abagore (3 muri buri Komini).

Birumvikana kandi na none ko abagore bataziruka ibirometero binwe n'abagabo. Muri Komini abagore baziruka km 12, muri Perefegitura 20.

Igihe amarusharwa azabera:

- Mu rwego rwa komini : Mata 1985
- Mu rwego rwa Perefegitura : Kamena 1985
- Mu rwego rw'Igihugu cyose : Kanama 1985.

III. Umupira w'amaguru "Junior" (Football Junior).

Irushanwa ry'umupira w'amaguru lizakorwa mu nzego eshatu:

- Urwego rw'amakomini: Muli uru rwego, ubutegetsu bwa Komini buzakoresha amarushanwa mu masegiteri. Ayo amarushanwa azaba agamije gutoranya abakinnyi bagomba kujya mw'ikipi ya Komini. Iyo kipi nimara kuboneka, izajya mw'irushanwa lizahuza amakomini yose ya Perefegitura.
- Urwego rwa Perefegitura: Muli uru rwego, hazaba irushanwa ligamije gutoranya ikipi y'abato izahagaralira Perefegitura mu mikino y'igihugu cyose.
- Icyitonderwa : - Mu rwego rwa Komini ikipi igomba kuzaba yaragaragaye muri Gicurasi 1985.
  - Mu rwego rwa Perefegitura ikipi igomba kuzaba yaragaragaye muri Nyakanga 1985.
- Urwego rw'igihugu cyose: Muli uru rwego, amakipi ya Perefegitura zose azahulira mw'irushanwa lizabera i Kigali muri Nzeli.

Umubare w'abakinnyi bazaza i Kigali ntugomba kurenga 18 kuri buli Perefegitura.

ANDI MARUSHANWA

Impira y'intoki (Handball, Basketball, Volleyball).

Muli iyi mikino, ubutegetsu bwa Perefegitura busabwe kuzitoraniliza abakinnyi bawufitemo ubuhanga, hanyuma amakipi agakorwa.

Buli Perefegitura igomba kuzageza kuri Ministeri imiterere y'amakipi muri Nyakanga.

Amarushanwa azahuza amakipi ya buli Perefegitura azabera i Kigali muri Ukwakira.

- Icyitonderwa: - Muli Handball abakinnyi ni 12
- Muli Basketball abakinnyi ni 12
  - Muli Volleyball abakinnyi ni 12
  - Mu mukino wa Handball irushanwa lizahuza amakipi y'abagabo
  - Muli Basketball na Volleyball lizahuza amakipi y'abakobwa.
-